MOUVEMENT -NATIONIMBAGA Y'INYABUTATU NYARWANDA
BP 96 Bruxelles ;
1060 Saint-Gilles
Tel/Fax : 0032-2-466 79 09
rwandanation@hotmail.com

UBUTUMWA UMWAMI KIGELI V AGEZA KU BANYARWANDA MURI IKI GIHE CY'ICYUNAMO

(RESUME EN FRANÇAIS : Dans ce message aux Rwandais en cette période de deuil, le roi Kigeli V qualifie l'année 1994 d'inoubliable dans l'histoire du Rwanda suite aux tristes évenements qui ont emporté plus d'un million de Rwandais. Le temps de deuil offre une occasion de penser chaque jour particulièrement aux nombreux Tutsi emportés par le génocide ainsi qu'aux Hutu opposés au régime et aux tueries.

Il se joint à tous les fils et filles du Rwanda en ce deuil, moment de rappeler que personne n'a le droit d'oter la vie à l'autre. Il déplore qu'en ce deuil tous les Rwandais ne se serrent pas les coudes pour enterrer tous les victimes, êtres humains innocents qui n'ont pas connu de sepulture. Il stigmatise le gouvernement qui était en place en 1994 qui n'a pas pu défendre une partie de la population, en a fait mourir une partie et a poussé un grand nombre à l'exil, ainsi que celui qui l'a remplacé et qui malheuresement n'a pas pu faire mieux, puisqu'il n'arrive pas à sécuriser la population et est accusé de massacres et de crimes contre l'humanité.

Le Roi évoque la guerre au Congo qu'il espère voir se terminer prochainement. Il trouve que le deuil doit être une occasion de faire un regard rétroactif pour chercher une solution aux problèmes épineux du Rwanda et cela sera posssible si tout le monde conjugue ses efforts.

Pour terminer, il saisit l'occasion pour rassurer les rescapés et implorer la protection de Dieu sur eux).

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Umwaka w'1994 ntuzibagirana bibaho mu mateka y'igihugu cyacu kubera amahano y'itsembabwoko n'ubundi bwicanyi byahitanye Abanyarwanda barenga miliyoni, bigasenya igihugu ku buryo budasubirwaho.

Buri mwaka mu minsi nk'iyi, twibuka ku buryo bw'umwihariko, Abatutsi batagira ingano bahitanywe n'itsembabwoko, guhera tariki ya 7 mata kugeza muri nyakanga 1994. Birakwiye kandi kwibuka ko mur'icyo gihe Abatutsi batotezwaga bakicwa, hari n'Abahutu bazize kutavuga rumwe n'ubutegetsi ndetse n'abandi bishwe bazira kwanga gushyigikira itsembabwoko kimwe n'abishwe bagerageza gukiza bagenzi babo.

Nifatanije n'imbaga y'Abanyarwanda mu kunamira izo nzirakarengane zose kuko ari abana b'u Rwanda bakaba n'abavandimwe bacu.

Iki cyunamo kijye kitubera buri mwaka umwanya n'uburyo bwo kugaragaza ko abo bose bishwe, benshi muri bo ntibanashobore gushyingurwa, bari abantu bakwiye icyubahiro cyacu. Ni uburyo kandi bwo kwibutsa buri muntu ko ntawufite uburenganzira bwo kuvutsa mugenzi we ubuzima yiherewe n'Imana.

Ni yo mpamvu twese tugomba guhaguruka tukamagana ubwicanyi, tugashyigikira ko abakoze amahano bose babibazwa bakabihanirwa. Bityo tuzashobora kurandura ingeso mbi yo kudahana. Iyo ngeso ni kimwe mu byorora ubwicanyi n'ubundi bugizi bwa nabi.

Birababaje ariko kubona mu cyunamo nk'iki, Abanyarwanda badafatana mu mugongo ngo bibukire hamwe ababo bose bazize ubwicanyi ahanini bwateguwe na Leta ikanabuhagarikira.

Leta ubusanzwe ishinzwe kurengera umutekano w'abaturage bose. Nyamara muri 1994, abatutsi bafashwe nk'abanzi b'igihugu bagombaga kurimburwa. Ibyo byashyizwe mu bikorwa ariko biza kugira ingaruka ku banyarwanda bose, ndetse abahutu bagera kuri miliyoni ebyiri bahunga igihugu.

Itsembabwoko n'ubwo ahanini ryibasiye abatutsi, ryanahitanye n'abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsi bwo mur'icyo gihe bafashwe nk'ibyitso by'abatutsi. Ubwo butegetsi bwaje guhirima, ariko ubwabusimbuye ntibwashobora kugarura amahoro n'ituze ngo bwunge Abanyarwanda, dore ko na bwo buregwa guhohotera rubanda ndetse bukaba bukurikiranyweho ibyaha by'ubwicanyi bwo mu gihe cy'intambara, n'ibyaha byibasiye inyoko muntu.

Ayo mahano yose yasize igihugu mu kangaratete, adusigira imfubyi, abapfakazi, ibimuga n'abantu benshi batishoboye. Ni ngombwa rero kwifatanya n'abo bose mu rwego rwo kubagarurira ikizere mu buzima benshi bazinutswe.

Ayo mahano kandi yabaye intandaro y'intambara zidahosha zigiye kutumaraho urubyiruko, haba mu gihugu cyacu haba ndetse no mu bihugu duturanye. Muri iyi minsi, hari ibimenyetso bisa n'ibyerekana ko intambara yo muri Kongo yaba iri mu inzira yo kurangira kandi dukwiye kubyishimira. Nyamara ariko turabe maso, kuko abafite inyungu muri izo ntambara bashobora kubangamira irangizwa ryazo.

Iki cyunamo kiradusaba gusubiza amaso inyuma tugashakira hamwe umuti w'ibibazo biremereye dufite, duharanira inyungu ziduhuza nk'Abanyarwanda, kandi birashoboka.

Birashoboka umunsi twiyemeje kwibukira hamwe twese Abanyarwanda bose bazize akarengane. Birashoboka umunsi tuziyemeza guhagurukira rimwe tugashyira ukuri kose ahagaragara ku bwicanyi aho kugerageza guhakana ibyabereye ku mugaragaro. Birashoboka ariko birasaba ubutwali n'ubwitange bidasanzwe.

Nongeye kubizeza ko ntazahwema gukoresha uburyo bwose bushoboka ngamije kugira uruhare mu ikorwa byo kugarura amahoro arambye mu gihugu cyacu no mu karere k'ibiyaga bigari.

Sinasoza ubu butumwa ntongeye guhumuriza abagize amahirwe yo kurokoka itsembabwoko n'ubundi bwicanyi byazahaje u Rwanda muri biriya bihe byahindutse indahiro. Imana ibahe umugisha.

Washington, tariki 07 mata 2001

Umwami w'u Rwanda

Kigeli V